UMUHAMAGARO W'IMANA

GUHAMAGARWA

UMUHAMAGARO

UMUHAMAGARO cyangwa GUHAMAGARWA n'Imana, ni igihe Imana itoranya umuntu kugira ngo imukoreshe mu buryo bwinshi butandukanye.

Abantu bahamagarirwa gukora imirimo itandukanye,nk'uko imirimo y'Imana ingana.

Ushobora guhamagarirwa kuba:

- **Umuhanuzi(Prophet)**
- **Umwigisha(Preacher)**
- **Umushumba(Pastor,Bishop,Archbishop,Apostle)**
- **Umwinginzi(Intercessor)**
- **Umuririmbyi(Singer)**
- **Umuvuga butumwa(Evangelist)**
- **Umufasha mukuru(Archideacon)**
- **Umufasha mw'itorero(Deacon)**

AMATEKA Y'UMUHAMAGARO

Mu mwaka wa 2091 BC,mbere y'ivuka rya Yesu Kristo,ku mugabane wa Asiya mu gice cyawo cy'iburasirazuba,mu gihugu cya Mezopotamiya[IRAQ]y'ubu,hariyo umugabo w'imyaka 75 witwaga Aburamu. Aburamu yavukaga k'umugabo witwaga Tera kandi se Tera yakoraga umurimo wo kubaza [kurema]ibigirwamana.

Umunsi umwe Aburamu yari atuje ari mu mu rugo rwe nuko yumva ijwi atigeze yumva mu myaka yari amaze y'ubuzima bwe.yumvise ijwi ariko ntiyabona umuntu umuvugisha.uku niko byagenze:

Itangiriro 12:1

Uwiteka yohereza Aburamu i Kanani

1. **Uwiteka ategeka Aburamu ati "Va mu gihugu cyanyu, usige umuryango wanyu n'inzu ya so, ujye mu gihugu nzakwereka.**

Uko niko Aburamu yahamagawe adahamagawe n'umuntu ahubwo ahamagawe n'Imana. Yabwiwe icyo yagomba gukora,nuko aragenda agenza nk'uko Imana yamubwiye.Imana yamusabye gusiga inzu yase no kuva mu gihugu cye kubera ko Imana yari igiye kumwohereza muri gakondo ye. Mu muhamagaro hari ubwo biba ngombwa ko utandukana n'umuryango wawe kugira ngo ukurikire kandi ugere ku muhamagaro Imana iguhamagarira.kuko hari ubusabane udashobora kugeraho mu gihe ukomeje kugendena na karande zo mu muryango.niyo mpamvu Imana ibanza ikagutandukanya na za karande z'iwanyu n'imikorere y'isi. Aya ni amwe mu mateka y'umuhamagaro nubwo hari izindi ngero z'umuhamagaro.

IMPAMVU Y'UMUHAMAGARO

Imana irashaka kumenyesha isi ubushake bwayo kandi no gukora ibintu bikomeye cyane.niyo mpamvu Imana ikenera abantu bo kubwira abandi icyo yavuze no gukorera hagati muri bo ibintu bikomeye.

Kuko Imana ari umwuka,kugira ngo yegera abantu cyane ikenera gukorera mu mubiri nubwo no mu mwuka ikora.

Iyo Imana ihamagaye umuntu ngo imukoreshe,imuha ibisabwa byose kugira ngo atagira inkomyi mu murimo we. Urugero:

Kuva 3:11-12:
Mose abwira Imana ati "Ndi muntu ki wahangara kwegera Farawo, ngo nkure Abisirayeli muri Egiputa?"
Iramusubiza iti "Ni ukuri nzabana nawe, ibizakubera ikimenyetso yuko ari jye ugutumye, ni uko uzakura ubwo bwoko muri Egiputa, mugakorera Imana kuri uyu musozi.
Ikintu cya mbere Imana iguha iyo igutumye,yo ubwayo irakwiha.

Kuva 4:2-4
Uwiteka aramubaza ati "Icyo ufite mu ntoki ni iki?"
Aramusubiza ati "Ni inkoni."
Aramubwira ati "Yijugunye hasi." Ayijugunya hasi ihinduka inzoka, Mose arayihunga. Uwiteka aramubwira ati "Rambura ukuboko uyifate umurizo." Arambura ukuboko arayifata, irongera iba inkoni mu ntoki ze.

Imana yahaye Mose inkoni kandi iyo nkoni yabaye inkoni ikora ibitangaza.mu buryo bundi,inkoni isobanura ubutware.iyo Imana iguhamagaye iguha ubutware.bumwe muri bwo ni ubu:

Mariko 16:17-18

«Dore kandi n'ibimenyetso bizaranga abazaba bemeye: mu izina ryanjye bazirukana roho mbi, bazavuga indimi nshya».

«bazafata inzoka; nibagira kandi icyo banywa cyica, nta cyo kizabatwara; bazaramburira ibiganza ku barwayi bakire».

Luka 10:19

Dore mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na sikorupiyo, n'imbaraga z'Umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose.

Haleluya! dore ubwo nibwo butware ,niyo nkoni Imana iguha iyo igutumye.

INTAMBARA ZO MU MUHAMAGARO

Mu muhamagaro habamo intambara nyinshi kuko umwanzi satani ataba ashaka ko umurimo watangijwe utera imbere. Imwe mu ntwaro za mbere umwanzi akoresha ashaka gukuraho umuhamagaro ni ibikangisho n'ubugambanyi.

Nehemiya 6:9

Bose bashaka kudukangisha bibwira yuko amaboko yacu azatentebuka, umurimo ntukorwe. Ariko Mana yanjye, unkomereze amaboko!

Nehemiya abanzi bamuteye ubwoba bibwira ko azacika intege akagira ubwoba maze akareka umurimo yahawe wo kubaka Yerusalemu.nubwo yari afite uruhushya ruva ku mwami rwo kubaka ,abanzi bahimbaga inkuru zi mpuha kugira ngo atinye .

Mu muhamagaro nubwo uba ufite ubutware kandi uri kumwe n'umami Imana bijya bibaho ko umwazi akurega ibirego by'ibinyoma kugira ngo agucogoze atume ureka umurimo wahamagariwe gukora.iyo bimenze bityo dore icyo umusubiza:

Nehemiya 6:3-4

Nanjye mbatumaho intumwa ndababwira nti "Ndakora umurimo ukomeye sinashobora kumanuka, nta mpamvu yo kwica umurimo ngo manuke mbasange."Bantumaho batyo kane, nanjye mbasubiza ntyo.

Haleluya! Nehemiya yasubije ikintu gikomeye cyane.Nehemiya yari amaramaje gukora umurimo koko!

Mugihe mu muhamagaro havutsemo izi ntamabara uku niko dukwiye gusubiza.uku niko dukwiye kubwira Satani n'ibicantege byose.

Abagalatiya 6:9

Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari.

mariko 10:29-30

Yesu aramubwira ati “Ndababwira ukuri yuko ntawasize inzu, cyangwa bene se, cyangwa bashiki be, cyangwa nyina, cyangwa se, cyangwa abana, cyangwa amasambu ku bwanjye no ku bw’ubutumwa bwiza,

utazahabwa ibibiruta incuro ijana muri iki gihe cya none, ari amazu, ari bene se, ari bashiki be, ndetse na ba nyina, n’abana, n’amasambu, hamwe no kurenganywa, maze mu gihe kizaza akazahabwa ubugingo buhoraho.

Uko niko iyo dukomeje mu muhamagaro bigenda,iyo tudacocojwe n’abantu ,imitego,satani kandi abanzi bose muri rusange,turasarura.Imana iraduhemba

Yahamaye aburahamu irangije iramugororera,mose ndetse n’abandi benshi.nawe ibihembo birahari.

KUBERA MASO UMUHAMAGARO

Kubera maso umuhamagaro ,ni ukurinda cyangwa gusigasira ubusabane ufitanye n’uwagutumye ariwe Yesu Kristo.dore kugira ubusabane nawe ni uku:

- **Gusenga**
- **abefeso 6:18**
- **musengeshe Umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga, kandi ku bw’ibyo mugumye rwose kuba maso, musabire abera bose.**

- **Gusoma ijambo ry’Imana**
- **Yosuwa 1:8**
- **Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na nijoro kugira ngo ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Ni ho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose.**

- **Gukiranuka**
- **Yesaya 32:17**
- **Umurimo wo gukiranuka ni amahoro, kandi ibiva ku gukiranuka ni ihumure n'ibyiringiro bidashidikanywa iteka ryose.**

- **Kunyurwa**
- **1 Timoteyo 6:6**
- **Icyakora koko kubaha Imana iyo gufatanije no kugira umutima unyuzwe kuvamo inyungu nyinshi, kuko ari nta cyo twazanye mu isi kandi nta cyo tuzabasha kuyivanamo. Ariko ubwo dufite ibyo kurya n'imyambaro biduhagije tunyurwe na byo.**

- **Kugira umwete**
- **Abaroma 12:11**
- **ku by'umwete ntimube ibyangwe, muhirimbane mu mitima mukorere Umwami wacu.**

- **Kubana n’abandi amahoro**

- **Ababeburayo 12:14Mugire umwete wo kubana n’abantu bose amahoro n’uwo kwezwa, kuko utejejwe atazareba Umwami Imana.**

Imana izaguhuza n’abantu ba nyabo uzakorana nabo.izaguha uburyo bwo kuyikorera niwemera ko igukoresha.humura ntago uzasonza,ntago uzambara ubusa,ntago usashoberwa kuko Imana itunga uwo itumye.

Nkwifurije kwinjira mu muhamagaro wawe, uwo Imana yaguhamagariye ngo uwukore kuko ariyo ntego y’ubuzima.ngaho sohoza umugambi w’Imana ku buzima bwawe,injira mu muhamagaro.Gira umugisha!